REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

IKIGANIRO CYA MINISITIRI W'INTEBE, ANASTASE MUREKEZI, MU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO IMITWE YOMBI, KU BIKORWA BYA GUVERINOMA MU RWEGO RW'INGUFU/ENERGY SECTOR

Kigali, kuwa 11/07/2017

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

1. Mbashimiye uyu mwanya mwangeneye, kugira ngo mbagezeho bimwe mu bikorwa bya Guverinoma, nk'uko biteganywa n'ingingo ya 133 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo muri 2003 nk'uko ryavuguruwe muri 2015.

2. Uyu munsi ndabagezaho ibikorwa byo mu Rwego rw'Ingufu/Energy Sector. Iki kiganiro kigabanyijemo ibice 4 bikurikira:

- Imiterere y'Urwego rw'Ingufu n'akamarok'ingufu mu iterambere ry'Igihugu;
- Politiki, Amategeko, n'Amabwiriza agenga Urwego rw'Ingufu;
- Ibikorwa by'ingenzi byagezweho muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 (2010-2017) mu Rwego rw'Ingufu;
- Imbogamizi Urwego rw'Ingufu ruhura nazo n'Ingamba zakoreshejwe mu kugabanya izo mbogamizi.

<u>Imiterere y'Urwego rw'Ingufu n'akamaro k'ingufu mu iterambere ry'Igihugu</u>

3. Dushingiye ku Cyerekezo 2020, Gahunda y'Imbaturabukungu (EDPRS 2) na Gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 tugiye gusoza, Intego Guverinoma yari yihaye ni ukongera ingufu z'amashanyarazi zingana na MW 563 no kuyakwirakwiza ku ngo zingana na 70% z'ingo zose mu mpera za 2017, kugabanya ikoreshwa ry'ibicanwa bituruka ku bimera kugeza kuri 55% bivuye kuri 86.3% mu 2010; kongera ububiko bw'ibikomoka kuri peteroli ku buryo bwahunika peteroli yamara byibuze amezi atatu.

4. Uyu munsi, ingufu zikoreshwa mu Rwanda ziri mu byiciro bitatu:

- Ingufu zituruka ku bimera aribyo inkwi, amakara n'ibisigazwa by'ibihingwa. Mu ijanisha, uruhare rw'izi ngufu rungana na 83% (EICV4) by'ingufu zose zikoreshwa mu Rwanda, rukaba rukiri runini bikabije;
- Ku mwanya wa kabiri, haza ingufu zitangwa n'ibikomoka kuri gaze na peteroli bifite igipimo kingana hafi 13%;
- Ku mwanya wa gatatu, haza ingufu zitanga amashanyarazi zingana na 4% by'ingufu zose zikoreshwa mu Rwanda.

AMASHANYARAZI

6. Amashanyarazi ni inkingi ikomeye y'iterambere ry'Igihugu kuko akenerwa mu buzima bwacu bwa buri munsi, haba mu nzego z'ikoranabuhanga, inganda, ubucuruzi, uburezi, ubuvuzi, ubuhinzi, ubukerarugendo; no mu zindi nzego zinyuranye zigamije amajyambere rusange y'Igihugu no kuzamura imibereho myiza y'abaturage.

7. Ni muri urwo rwego Guverinoma y'u Rwanda ifite intego yo gukwirakwiza ingufu z'amashanyarazi hirya no hino mu Gihugu hakoreshejwe uburyo butandukanye.

8. Uyu munsi amashanyarazi dufite angana na MW 208.36 aturuka :

- ku mazi (MW 98.68 bingana na 47.4%);
- ku mirasire y'izuba (MW 11.88 bingana na 5.7%);
- kuri gaz methane yo mu Kiyaga cya Kivu (MW 30 bingana na 14.4%);
- kuri nyiramugengeri (MW 15 bingana na 7.2%); no
- kuri moteri zikoresha mazutu (MW 52.8 bingana na 25.3%).

9. Kugira ngo gahunda na politiki bijyanye no kongera no gukwirakwiza amashyanyarazi bishyirwe mu bikorwa neza, hari Inzego za Leta n'iz'Abafatanyabikorwa zibigiramo uruhare.

10. Ku ruhande rwa Leta zimwe muri izo nzengo ni izi zikurikira:

- Minisiteri y'Ibikorwaremezo (MININFRA);
- Minisiteri y'Umutungo Kamere (MINIRENA);
- Minisiteri y'Imari n'Igenamigambi (MINECOFIN);
- Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu (MINALOC);
- Minisiteri y'Ubucuruzi, Inganda n'Ibikorwa by'Umuryango w'Ibihugu by'Afurika y'Iburasirazuba (MINEACOM);
- Ikigo cy'Igihugu cy'Iterambere (RDB);
- Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ingufu (REG) n'Ibigo bikigize (EDCL na EUCL);
- Urwego Ngenzura mikorere rw'Imirimo Imwe Ifitiye Igihugu Akamaro (RURA);
- Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Kubungabunga Ibidukikije (REMA);
- Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Ubuziranenge (RSB).

11. Ku ruhande rw'Abafatanyabikorwa:

- Abashoramari mu Rwego rw'Ingufu;
- Ishyirahamwe ry'Abikorera mu Rwego rw'Ingufu (Energy Private Developers Association);
- Abafatanyabikorwa mu iterambere ry'Igihugu (Development Partners);
- Amabanki n'Ibigo by'Imari.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko,**
- **Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

12. Ku birebana na Politiki, Amategeko, n'Amabwiriza agenga Urwego rw'Ingufu, hashyizweho:

- Itegeko N°21/2011 ryo kuwa 23/06/2011 rigenga amashanyarazi mu Rwanda. Iri tegeko rigenga imirimo y'itunganywa ry'ingufu z'amashanyarazi, kuyatwara, kuyakwirakwiza no kuyacuruza imbere no hanze ya Repubulika y'u Rwanda;
- Itegeko N° 14/2016 ryo kuwa 02/05/2016 rigenga ubufatanye bw'Inzego za Leta n'Abikorera;

- Politiki igenga Ingufu mu Rwanda (Rwanda Energy Policy), yemejwe mu mwaka w'2015. Iyi politiki igamije guteza imbere Urwego rw'amashanyarazi, ingufu z'ibikomoka kuri peteroli, n'ingufu zikomoka ku bimera (Biomass);

- Gahunda ya Leta yo guteza imbere ingufu (Energy Sector Strategic Plan) yashyizweho mu mwaka w' 2015, ikaba ishingiye kuri gahunda y'imbaturabukungu EDPRS II, igamije gucyemura ibibazo byo mu rwego rw'amashanyarazi birimo:

    - Guhuza ingano y'amashanyarazi akorwa n'akoreshwa (Electricity Demand and Supply Balance);
    - Gushyiraho igiciro cy'amashanyarazi kiboneye kandi cyoroheye abafatabuguzi; no
    - Gushyiraho gahunda zigamije kugera ku ntego y'amashanyarazi akenewe mu mwaka 2017/2018.

- Hari Gahunda yo Gukwirakwiza Amashanyarazi mu Cyaro (Rural Electrification Strategy) yemejwe muri Mata 2016, igizwe na porogaramu enye zikurikira:
    - Porogaramu ijyanye n' uburyo bwo korohereza abaturage bo mu cyiciro cya mbere cy'ubudehe, kubona amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba;
    - Porogaramu yo korohereza Abikorera kugeza ku baturage amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba ku giciro gito;
    - Porogaramu yo gufasha Urwego rw'Abikorera mu gufata iya mbere mu kubaka imiyoboro mito y'amashanyarazi (mini-grid) ahataragezwa imiyoboro migari, ahangaha Inzego za Leta zerekana (mapping) ahataragezwa imiyoboro migari y'amashanyarazi iherekejwe n'ingengabihe, hakaba ariho Abikorera babasha kugeza amashanyarazi; na
    - Porogaramu yo gukomeza gukwirakwiza amashanyarazi avuye ku muyoboro mugari w'amashanyarazi cyane cyane hibandwa ku bafatabuguzi gatozi, Ibigo na Serivisi mu rwego rwo kuzamura ubukungu.

- Hari kandi na Gahunda yo kugeza Ingufu zirambye kuri bose (Sustainable Energy for All Action Agenda, SE4ALL AA), ifite intego yo kugeza amashanyarazi ku baturage bose batuye mu Mijyi no mu cyaro mbere ya 2030.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

<u>Ibyagezweho muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka 7 (2010-2017) mu Rwego rw'Ingufu z'Amashanyarazi ni byinshi, ariko inzira iracyari ndende.</u>

13. Mu myaka 7 ishize, nubwo tutageze ku ntego Guverinoma yari yihaye ya MW 563 twongereye ingufu z'amashanyarazi zigera kuri MW 208.36 zivuye kuri MW 97 mu 2010. Bigaragara ko twakubye amashanyarazi twari dufite inshuro zirenze ebyiri (2) hakaba hari kandi izindi nganda z'amashanyarazi zirimo kubakwa zizongeraho MW 354.

14. Muri aya mashanyarazi yiyongeraho, harimo amashanyarazi aturuka ku mazi angana na MW 47.18; aturuka kuri peteroli angana na MW 25 (uruganda rwatangaga amashanyarazi aturuka kuri mazutu angana na MW 14 kuri CIMERWA rwavanyweho); aturuka ku mwuka wa gazi metani angana na MW 26.4; aturuka ku zuba angana na MW 11.63; mu gihe aturuka kuri nyiramugengeri angana na MW 15.

15. Mu Rwego rwo kongera amashanyarazi, imishinga ikurikira yashyizwe mu bikorwa:

- Urugomero rwa Rukarara I rutanga MW 9 rwuzuye mu 2010;
- Urugomero rwa Rukarara II rutanga MW 2.2 rwuzuye mu 2014;
- Urugomero rwa Giciye I rutanga MW 4 rwuzuye mu 2014;
- Uruganda rutanga amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba rwa GigaWatt Global (Rwamagana) rutanga MW 8.5 rwuzuye mu 2014;
- Urugomero rwa Nyabarongo I rutanga MW 28 rwuzuye mu 2014;
- Uruganda rutanga amashanyarazi akomoka kuri gaz methane rwa KivuWatt rutanga MW 26.4 rwuzuye mu 2015;
- Urugomero rwa Giciye II rutanga MW 4 rwuzuye mu 2016;
- Uruganda rutanga amashanyarazi akomoka kuri nyiramugengeri rwa Gishoma rutanga MW 15 rwuzuye muri 2016;
- Inganda ebyiri (2) zitanga amashyanyarazi zikoresha mazutu zo kunganira izisanzwe mu gihe bibaye ngombwa (Kigali SEZ na CIMERWA). Gahunda ya Guverinoma ni ukugabanya amashanyarazi akomoka ku nganda zikoresha mazutu uko tugenda tuzamura ubushobozi. Niyo mpamvu uruganda rwatangaga amashanyarazi aturuka kuri mazutu angana na MW 14 kuri CIMERWA rwavanyweho.
- Ingomero nto zirindwi (7) zirimo Rugezi (Burera), Nshili I (Nyaruguru), Nyirabuhombohombo (Nyamasheke), Nyabahanga (Karongi), Janja (Gakenke), Mukungwa II (Musanze) na Gashashi (Rutsiro) zuzuye hagati ya 2011 na 2013; zose zitanga MW 6.3.

16. Eshanu (5) muri izi ngomero nto zeguriwe Abikorera kugira ngo bazitunganye zigere ku bushobozi bwazo bungana na MW 5.7 nk'uko amasezerano abiteganya uretse Nshili I na Nyabahanga zagiye ku isoko ntizibone abazifata ariko zizasubizwa ku isoko zimaze gusanwa.

17. Hari n'izindi ngomero zasanwe kugira ngo zikomeze gukora neza. Harimo:

- Urugomero rwa Mukungwa I rutanga MW 12 rwasanwe mu 2015;

- Ingomero nto ebyiri (2) ziri mu Karere ka Rubavu arizo: Gisenyi itanga MW 1.2; na Gihira itanga MW 1.8.

- Urugomero rwa Rusizi II rutanga MW 36 duhuriyeho n'u Burundi na DRC rurateganywa gusanwa kuko inyigo imaze kurangira. Ubu harimo gushakishwa amafaranga yo kurusana mu buryo bwihutirwa kuko kuva rwubatswe mu 1989 rutigeze rusanwa.

- Urugomero rwa Ntaruka narwo rutanga MW 11.5; turateganya kurusana rugakoresha ikoranabuhanga rigezweho kuko rwubatswe mu 1959. Harimo gukorwa inyigo yo kurusana imirimo yo kurusana izakorwa mu mwaka w'ingengo y'imari wa 2018-2019.

18. Hari indi mishinga yatangijwe kugira ngo hongerwe amashanyarazi:

- Urugomero rwa Rusumo duhuriyeho n'Ibihugu by'u Burundi na Tanzania ruzaba rufite ubushobozi bwa MW 80 aho buri Gihugu kizabona MW 26. Imirimo yo kurwubaka yatangijwe ku mugaragaro kuwa 30 Werurwe 2017 biteganyijwe ko izarangira mu 2020;

- Uruganda ruzatanga amashanyarazi akomoka kuri nyiramugengeri rwatangiye kubakwa ku itariki 9/04/2017 mu Karere ka Gisagara n'Abashoramari ba HQ Power (Hakan) ruzatanga MW 80, biteganyijwe ko imirimo izaba yarangiye mu 2020;

- Inyigo yo kubaka urugomero rwa Rusizi III duhuriyeho na Repubulika Iharanira Demukarasi ya Congo n'Igihugu cy'u Burundi ruzatanga MW 147 yararangiye kandi Umushoramari (IPS & SN Power yo muri Norvège) yarabonetse.

- Amasezerano hagati y'Ibihugu bitatu (3) n'Umushoramari (Tripartite Agreement) yarateguwe, hasigaye kuyashyiraho umukono. Amafaranga y'uyu mushinga yamaze kuboneka binyuze ku bufatanye na Banki y'Isi, Banki Nyafurika Itsura Amajyambere na Banki y'Uburayi Itsura Amajyambere;

- Inyigo y'umushinga wa Nyabarongo II (Multi-purpose project) uteganyijwe gutanga MW 120 mu byiciro bitatu, umushinga wo kuhira imyaka y'ahangana na ha 22,503 n'uruganda rutunganya amazi angana na m^3 140,000 ku munsi yararangiye. Ibikorwa by'uyu mushinga bizagera mu Turere twa Nyarugenge, Kicukiro, Bugesera, Ngoma, Rwamagana, Gakenke, Rulindo, Kamonyi na Muhanga. Ingomero z'amashanyarazi zizubakwa Shyorongi mu Karere ka Rulindo, na Sake mu Karere ka Ngoma naho ibikorwaremezo byo kuhira imyaka no gutanga amazi (Irrigation and industrial water supply) bizubakwa Juru mu Karere ka Bugesera. Uyu mushinga uzatwara miliyari 1.1 z'amadorari;

- Ku bufatanye n'Abashoramari b'Abanyarwanda, imirimo yo kubaka ingomero nto za Rukarara V (Nyamagabe) izatanga MW 5 na Ntaruka A (Nyaruguru) izatanga MW 2 yaratangiye. Biteganyijwe ko izarangira mu 2020. Inyigo zo kubaka izindi ngomero nto za Rukarara VI (MW 6.8) na Giciye III (MW 7.2) zararangiye ndetse n'Amasezerano hagati ya Guverinoma n'Abashoramari b'Abanyarwanda yamaze gushyirwaho umukono;

- Hari inyigo yo kubaka ingomero nto 67 yamaze gukorwa zirimo n'izo maze kubabwira. Ubu Guverinoma iri gukomeza gushishikariza Abashoramari b'Abanyarwanda kubaka n'izisigaye;

- Hakozwe kandi inyigo yagaragaje ko mu Rwanda hari nyiramugengeri ishobora gutanga MW 200 mu gihe cy'imyaka 30 (ahagaragaye nyiramugengeri nyinshi ni mu kibaya cya Rwabusoro n'icy'Akanyaru). Muri izo harimo MW 80 zamaze guhabwa Umushoramari watangiye kubaka mu kibaya cy'Akanyaru mu Karere ka Gisagara;

- Hari kandi amasezerano yasinyanywe n'Umushoramari witwa Symbion Power Ltd yo kubaka uruganda rutanga amashanyarazi akomoka kuri gaz methane ruzatanga MW 50 mu Karere ka Rubavu. Imirimo ku ruhande rwa Leta irimo kwimura abaturage, kugeza umuhanda aho umushinga uzubakwa no kuhageza amazi n'amashanyarazi azakenerwa mu mirimo yo kubaka irimo gukorwa ikazarangira muri uyu mwaka w'ingengo y'imari (2017/18);

- Mu rwego rwo kubungabunga Ikiyaga cya Kivu, hashyizweho Porogaramu yo gukurikirana imikoreshereze y'umutungo kamere uri mu kiyaga no kuwubyaza umusaruro harimo n'amashanyarazi mu buryo budahungabanya urusobe rw'ibinyabuzima (Lake Kivu Monitoring Programme).

- Ku byerekeye amashyuza, hakozwe igerageza ku musozi wa Kalisimbi hashingiwe ku bushakashatsi bw'ibanze bwari bwakozwe mu mwaka wa 2012 ku buryo budahagije. Nyuma yo gucukura, byagaragaye ko igipimo cy'ubushyuhe bungana na 74^{o}C mu bujyakuzimu bwa m 3000 ko butatanga amashanyarazi kuko hakenerwa byibura 220^{o}C. Uyu mushinga warahagaritswe.

19. Mu rwego rwo kwirinda ko ibyabaye kuri Kalisimbi byakongera kuba, ubu hafashwe ingamba zo gukora ubushakashatsi bwimbitse (surface studies and slim well drilling technology) mu Bugarama mu Karere ka Rusizi, Gisenyi mu Karere ka Rubavu no mu Kinigi mu Karere ka Musanze.

20. Binyujijwe ku Rwego Ngenzuramikorere (RURA), hashyizweho amabwiriza (Regulations) menshi afasha mu gushyira mu bikorwa Itegeko ry'amashanyarazi. Muri ayo mabwiriza, harimo n'ayorohereza abikorera kujyana ibikorwa byabo mu cyaro, amabwiriza agenga ibigega bishyushya amazi hakoreshejwe imirasire y'izuba (SWH-Solar Water Heaters) ku hantu hose hakenerwa amazi ashyushye menshi, amabwiriza agenga iby'imiyoboro y'amashanyarazi (Right-of-Way regulations).

21. Hatanzwe kandi impushya (licenses) 13 kuri companies zikorera mu gukora ingufu z'amashanyarazi (IPPS- Independent Power Producers), EUCL nayo ihabwa impushya 4 ziyemerera gukora neza ibikorwa byayo, impushya 15 z'agateganyo (provisional licenses) zahawe abikorera ngo bashobore kurangiza inyigo zabo (feasibility studies). Izindi mpushya 22 zimaze gutangwa ku ba Technicians bemewe bakora imirimo y'ibijyanye n'amashanyarazi (Electrical installations) mu rwego rwo kuvanaho burundu impanuka z'inkongi mu nyubako.

22. Uretse kongera amashanyarazi, Umuyoboro mugari w'amashanyarazi wongerewe ubushobozi, uranagurwa ndetse n'imiyoboro iwushamikiyeho imwe n'imwe iravugururwa.

23. Mu myaka 7 ishize, twakubye kabiri (2) umuyoboro w'amashyanyarazi mugari uva ku km 371 ugera ku km 744.

24. Imwe mu mishinga yashyizwe mu bikorwa izafasha mu gukwirakwiza amashanyarazi mu buryo bwizewe ku nganda no mu baturage ni iyi ikurikira:

- Imwe mu miyoboro yo guhanahana amashanyarazi mu karere Igihugu cyacu giherereyemo (Regional interconnesction projects) yubatswe ni:
    - Umuyoboro wa kilovolti 220 Karongi – Rubavu – Goma - Shango – Birembo mu Karere ka Gasabo ureshya na km 180 wuzuye muri Werurwe 2017;

- Umuyoboro wa kilovolti 220 Shango – Mirama (Uganda Border) ureshya na km 93.5 wuzuye mu Ugushyingo 2015.

- Umuyoboro wa kilovolti 110 Nyabarongo I – Kilinda mu Turere twa Muhanga, Ngororero na Karongi ureshya na km 28 wuzuye mu Ukwakira 2014;

- Umuyoboro wa kilovolti 110 Gishoma – Bugarama – Ntendezi mu Turere twa Rusizi na Nyamasheke ureshya na km 30.5 wuzuye muri Nzeri 2016;

- Umuyoboro wa kilovolti 110 Rukarara – Kilinda mu Turere twa Nyamagabe na Karongi ureshya na km 31.5 wuzuye mu Ukuboza 2016;

- Hubatswe umuyoboro w'itumanaho rigezweho (Fiber Optic) wa km 1,241 uhuza inganda z'amashanyarazi n'imiyoboro ku buryo bugezweho (Supervision Control and Data Acquisition System) bituma gucunga amashanyarazi n'itumanaho byoroha. Byatangiye gukoreshwa mu 2010. Uyu muyoboro w'itumanaho ukaba unakoreshwa n'izindi Sosiyete z'itumanaho mu gukwirakwiza interineti.

25. Mu rwego rwo kugabanya amashanyarazi atakara bitewe n'imiyoboro ishaje; hongerewe ubushobozi hanavugururwa imiyoboro ikurikira:

- Umuyoboro Jabana – Birembo – Gasogi – Musha – Kabarondo – Rwinkwavu ureshya na km 87 wuzuye mu Ukuboza 2016 uvanwa kuri kilovolti 70 ushyirwa kuri kilovolti 110;

- Imiyoboro ikwirakwiza amashanyarazi muri Huye yakuwe kuri kilovolti 6,6 ishyirwa kuri kilovolti 30;

- Havuguruwe ahahindurirwa amashanyarazi (substations) za Jabana, Gikondo, Musha n'iya Rwinkwavu. Byarangiye mu 2011.

26. Uretse imishinga yarangiye, hari n'imiyoboro irimo kubakwa izarangira mu minsi iri imbere. Muri yo twavuga:

- Umuyoboro wa kilovolti 110 Rulindo – Ngarama – Gabiro – Musha ureshya na km 119 uteganyijwe kuzura mu mpera z'uyu mwaka wa 2017;

- Umushinga wo kuvugurura no kwagura umuyoboro wa kilovolti 110 mu Mujyi wa Kigali (Kigali Ring Network) Jabana – Mont Kigali – Gahanga ureshya na km 27. Imirimo yo kuwubaka iteganyijwe kurangira mu mwaka utaha ukazatuma inganda nka Imana Steel iri mu Karere ka Bugesera, Master Steel iri i Gahanga muri Kicukiro n'izindi, zigerwaho n'amashanyarazi ahagije;

- Umushinga wo kongerera ingufu imiyoboro yo mu gace ka Kigali kahariwe inganda (KSEZ) mu Murenge wa Ndera, no mu Mirenge ya Kabuga, Kanombe na Nyarugunga. Uteganyijwe kuzarangira mu mwaka utaha;

- Umushinga wo kuvugurura imiyoboro n'amakabine mu duce twose tw'Umujyi wa Kigali hagamijwe gukemura ikibazo cy'umuriro ucikagurika bya hato na hato. Uyu mushinga uteganyijwe kuzarangira mu mwaka utaha.

27. Uko turushaho kongera amashanyarazi nk'uko nabagejejeho imishinga iteganywa, bizajyana no kubaka indi miyoboro y'amashanyarazi. Imwe mu mishinga iteganyijwe ni iyi ikurikira:

- Umushinga wo kubaka Sub-stations nshya za Shango muri Gasabo, Bwishyura muri Karongi na Sub-station ya Rubavu; Uyu mushinga ukazadufasha guhanahana amashanyarazi na DRC no kubona undi muyoboro wo kunyuzamo amashanyarazi aturuka ku ruganda rwa Kivuwatt (Karongi) n'azaturuka ku ruganda rwa Symbion (Rubavu). Uyu mushinga uteganyijwe kurangira mu mwaka w' 2019;

- Umushinga wo kongerera sub-station ya Mont-Kigali ubushobozi n'uwo kubaka umuyoboro wa Kilovolti 110 Gahanga-Bugesera kugira ngo Bugesera Industrial Park izabone amashanyarazi ahagije; uyu mushinga ukazarangira mu mwaka wa 2019.

- Umuyoboro wa kilovolti 220 Mamba/Gisagara – Rwabusoro – Bugesera ureshya na km 53 uteganyijwe kurangira mu 2019 ukazafata amashanyarazi aturuka ku ruganda ruzatanga amashanyarazi akomoka kuri nyiramugengeri mu Karere ka Gisagara.

- Umuyoboro wa kilovolti 220 Rusumo – Bugesera – Shango ureshya na km 119 uteganyijwe kurangira mu 2019 ukazafata amashanyarazi aturuka ku rugomero rw'amashanyarazi rwa Rusumo.

- Umuyoboro wa kilovolti 220 Karongi – Kigoma - Rwabusoro ureshya na km 74 uteganyijwe kurangira mu 2019 mu rwego rwo gukura amashanyarazi ku nganda z'amashanyarazi ziri mu burengerazuba.

- Umuyoboro wa kilovolti 220 Kigoma – Gisagara ureshya na km 62. Uyu muyoboro uteganyijwe kuzarangira mu 2019 mu rwego rwo kongera umuriro mu bice bya Gisagara na Huye.

- Umuyoboro wa kilovolti 220 Karongi – Kamanyola ureshya na km 92.8 uzafata amashanyarazi aturuka ku rugomero rw'amashanyarazi rwa Rusizi III.

- Umuyoboro wa kilovolti 110 Mukungwa – Nyabihu ureshya na km 23.3 uteganyijwe kurangira mu 2019 mu rwego rwo kugeza amashanyarazi mu gace ka Nyabihu kagenewe inganda n'abaturage bahaturiye.

28. Imishinga yose maze kubabwira, ari iyo kongera amashanyarazi no kwagura umuyoboro mugari, iba igamije kugeza amashanyarazi ku baturage no guteza imbere ibikorwa by'iterambere bitandukanye.

29. Iyi mishinga yatumye umubare w'abaturage bafite amashanyarazi wikuba inshuro zirenga eshatu(3) muri iyi myaka 7 ishize. Mu 2010, EICV 3 yagaragaje ko ingo zari zifite amashanyarazi zari 10.8%. Dukoresheje imibare ya EICV4 (2014), ingo 860,085 ku ngo 2,493,000 zihwanye na 34.5% zifite amashanyarazi. Muri izi ngo 678,096 zihwanye na 27.2% zifite umuriro uturuka ku murongo mugari w'amashanyarazi (on-grid electrification), ingo 181,989 zihwanye na 7.3% zifite amashanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba (off-grid electrification). Nubwo tutageze ku ntego yo gukwirakwiza amashanyarazi kukigereranyo Guverinoma yari yihaye, amashanyarazi dufite uyu munsi arahagije ku buryo yakwirakwizwa ku ngo zingana na 48%(on Grid) na 22% (off Grid). Iyo mirimo izakomeza kwihuta.

30. Iyi mishinga kandi yatumye icikagurika ry'amashanyarazi rya hato na hato rigabanuka ku buryo bugaragara. Urugero nabaha ni mu Turere twa Huye, Gisagara na Nyamagabe aho nyuma y'uko sub-station ya Rukarara II yuzuye amashanyarazi aboneka ku buryo bushimishije.

31. Mu kwihutisha ikwirakwizwa ry'amashanyarazi, Ikigo Gishinzwe Guteza imbere Ingufu (EDCL) cyasinyanye amasezerano n'ibigo by'Abikorera 24 bikora mu bijyanye n'ingufu z'amashyanyarazi akomoka ku mirasire y'izuba mu rwego rwo gushishikariza Abikorera kugira uruhare mu ishyirwamubikorwa ry'ingamba za Guverinoma.

32. Uretse Abikorera bari muri ubwo bucuruzi, hari n'abandi Bafatanyabikorwa batera inkunga iyi gahunda yo guha amashanyarazi abaturage akomoka ku mirasire y'izuba Guverinoma ishimira cyane. Muri bo hari Polisi y'Igihugu yahaye ingo 3,400 n'Ibigo Nderabuzima 30 amashyanyarazi mu cyumweru cyahariwe ibikorwa bya Polisi (Police Week); MTN Foundation yayatanze ku ngo 416 mu Turere twa Nyaruguru na Gisagara; na BK yayatanze ku ngo 500 mu Karere ka Nyagatare.

33. Ariko n'ubwo twongera ingufu z'amashanyarazi, ntitwirengagije na gahunda zo gukoresha neza amashanyarazi dufite no kubungabunga ibidukikije. Twavuga nk'umushinga wo gukwirakwiza amatara akoresha umuriro muke *"Rwanda Electrogaz Compact Fluorescent Lamp (CFL) distribution project"* yashyizwe mu bikorwa hagati ya 2007 na 2014 ahatanzwe amatara 800,000.

34. Ibi byatumye tugabanya ikoreshwa rya kilowateri 54,000,000 ku mwaka ndetse tunagabanya imyuka ihumanya ikirere (CO_2 na CO) ku kigereranyo cya toni 260,000 ku mwaka. Guverinoma yashishikarije Abashoramari gushyiraho inganda zikora amatara akoresha umuriro muke. Urugero, ni uruganda rwitwa SAHASRA Rwanda Ltd rukora amatara ruri muri SEZ, ibi kandi bikaba bijyanye na politiki ya Made in Rwanda.

35. Indi gahunda yashyizwe mu bikorwa mu Rwego rw'Ingufu ni umushinga wo gukwirakwiza ibigega bishyushya amazi hakoresheje imirasire y'izuba *"The SolaRwanda Solar Water Heaters Program"*. Uyu mushinga wafashije kugabanya ikoreshwa ry'ibicanwa bikomoka ku bimera mu gushyushya amazi. Uyu mushinga ushyirwa mu bikorwa ku bufatanye n'Abikorera mu gukwirakwiza ibyo bigega. Leta itanga inkunga y'amafaranga ibarirwa hagati ya 30% na 33% by'igiciro cy'ikigega bitewe n'ingano yacyo; asigaye akishyurwa mu byiciro mu gihe cy'umwaka. Kugeza ubu iyi gahunda imaze gukwirakwiza ibigega 2.256.

36. Amatara yo ku mihanda, mu Mijyi itandukanye mu Gihugu araka. Hatangijwe na Gahunda yo gucanira imihanda ihuza Intara. Urugero ni nk' Umuhanda Kigali – Musanze – Rubavu n'umuhanda Kigali – Bugesera. Mu gucanira imihanda hakoreshwa cyane cyane amatara akoresha umuriro muke. Hari na gahunda yo gukoresha amatara akoresha imirasire y'izuba mu gucanira imihanda mu Mujyi wa Kigali n'indi mihanda minini (Highways) harimo Kigali-Kayonza-Rusumo, Kayonza-Kagitumba, Kigali-Gatuna, Kivu Belt na Kigali-Huye-Akanyaru.

37. Ndagira ngo nibutse ko amatara yo ku mihanda agira uruhare runini ku mutekano w'abatwara ibinyabiziga n'umutekano w'abantu bahagenda, ndetse n'umutekano w'abahaturiye n'imitungo yabo.

38. Mu rwego rwo korohereza ishoramari n'imiryango ifite amikoro make, Guverinoma yavuguruye ibiciro by'amashanyarazi.

39. Mu ntangiriro z'uyu mwaka wa 2017, ibiciro by'amashanyarazi byaragabanijwe ku buryo bukurikira:

Amashanyarazi yo gukoresha mu ngo:

40. Ibi biciro byahaye amahirwe abari bafite imbogamizi y'amikoro make batabashaga gukoresha amashanyarazi kandi bayafite mu rugo. Ubu igiciro cya kilowateri (inite imwe) kiri ku mafaranga y' u Rwanda 89 ku bakoresha munsi ya kilowateri 15 mu kwezi, 182 ku bakoresha hagati ya kilowateri 15 na 50 ku kwezi na 189 ku bakoresha hejuru ya kilowateri 50 ku kwezi.

Amashanyarazi yo gukoresha mu nganda:

41. Inganda zagabanyirijwe ibiciro by'amashanyarazi ku buryo bugaragara cyane cyane mu masaha ya nijoro (23H01' – 08H00). Muri rusange ibiciro byagabanutse ku kigereranyo cya 32%.

42. Amashanyarazi yabaye menshi ugereranije n'akoreshwa mu Rwanda muri iki gihe. Guverinoma irakangurira abashoramari gushora imari yabo n'abafite inganda bose kongera ibikorwa mu rwego rwo kubyaza umusaruro ibi biciro bishya.

43. Ibiciro bizakomeza kuvugururwa ku buryo inganda n'ubucuruzi muri rusange bizatera imbere twongera umusaruro w'ibikorerwa mu Gihugu n'ibyoherezwa mu mahanga mu rwego rwa "Made in Rwanda".

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

IBICANWA

44. Mu bijyanye n'ibicanwa, imibare (EICV 3) igaragaza ko mu 2010 ingo 86.3% zakoreshaga inkwi mu guteka. Izindi zisigaye zakoreshaga amakara (10.6%) n'ibisigazwa by'ibihingwa (2.3%). Abasigaye (0.8%) bakoreshaga gaze, amashanyarazi na peteroli ikoreshwa mu guteka (kerosene).

45. Guverinoma imaze kubona iyi mibare yasanze ko hatagize igikorwa u Rwanda rutatinda kuba ubutayu. Ni muri urwo rwego hashyizweho ingamba zo gushishikariza Abaturarwanda gutekesha gaze (LPG) na Biogaz no gukoresha amashyiga arondereza ibicanwa.

46. Zimwe muri izi ngamba ni izi zikurikira:

- Gaze (LPG) n'amacupa (cylinders) byakuriweho imisoro ku nyongeragaciro (VAT) kuva muri 2010.

- Amashyiga arondereza ibicanwa yakuriweho imisoro ku nyongeragaciro (VAT);

- Hakozwe ubukangurambaga bwo gushishikariza Abaturarwanda gukoresha ingufu zindi zisimbura inkwi n'amakara (gaz na biyogaz) kuko zihendutse kandi zigira n'isuku;

- Ubu kongera umubare w'abakoresha gaze byashyizwe mu mihigo y'Uturere tw'Imijyi;

- Guverinoma binyuze muri RURA yatanze uburenganzira (license) ku masosiyete 9 (SP, RUCSA, ABBARCI, Lake Petroleum Rwanda, KOBIL, MEREZ, Rwanda OXYGEN, SAFE GAS, SULFO) yo mu Rwanda ashyira gaze mu macupa (refilling) mu Mujyi wa Kigali mu gihe mbere byakorerwaga hanze. Ibi ni bimwe mu byatumye igiciro cya gaze kigabanuka. Nko muri 2010 igiciro mpuzandengo kuri kg 1 ya gaz cyari Frw 1600 mu gihe ubu gihagaze ku Frw 1100;

- Mu rwego rwo gukomeza kongera ikoreshwa rya gaze no kugabanya igiciro cy'amashyiga akoresha gaze, hatangiye kurebwa uburyo ayo mashyiga yakorerwa imbere mu Gihugu. Urugero, IPRC Kigali na Gasabo 3D batangiye kuyakora ubu akaba ari mu igeragezwa. Guverinoma izakomeza kubashyigikira n'undi wese ubiteganya kugira ngo bizagere ku baturage benshi;

- Kugira ngo tugabanye ikoreshwa ry'inkwi mu nganda zitunganya icyayi, hatangiye gukorwa ubushakashatsi ku ikoreshwa rya gaze muri izo nganda;

- Kubera kandi isoko rya LPG rigenda rikura n'Abikorera bagenda biyongera, hagiye gushyirwaho vuba uburyo bwo kugenzura icuruzwa rya gaze kugira ngo inzitizi zimwe zagiye ziboneka (illegal filling) zikemurwe burundu no guteganya ububiko (Strategic Reserves) buhagije buzatuma gaze itazabura ku isoko.

- Guverinoma yashyizeho Porogaramu y'Igihugu yo gukwirakwiza Biogaz hagati ya 2007 na 2016 ifasha kwihutisha ikwirakwizwa rya biogaz mu ngo. Kugeza ubu ingo 10,472 zikoresha biogaz. Hakozwe ubukangurambaga ku ikoreshwa rya biogaz mu ngo, mu magereza no mu mashuri. Ubu mu Rwanda dufite kompanyi 54 zubaka zikanabungabunga biogaz. Hahuguwe abafundi 2 muri buri Murenge mu Turere twose uretse Uturere twa Kicukiro, Nyagatare na Nyaruguru kandi hari gahunda yo guhugura n'abafundi bo muri utwo Turere.

  Ubu gereza zose zikoresha biogaz mu buryo bwo kugabanya ikoreshwa ry'inkwi. N'amashuri agomba gukoresha biogas yose.

- Hakozwe n'ubukangurambaga ku ikoreshwa ry'amashyiga arondereza ibicanwa. Ubu muri buri Karere hahuguwe Amakoperative akora amashyiga arondereza ibicanwa.

47. Izi ngamba ziragenda zitanga umusaruro ushimishije.

- Imibare ya EICV 4 (2014) igaragaza ko 83.3% y'ingo zose zakoreshaga inkwi mu guteka bivuye kuri 86.3% mu 2010.

- Ubu serivisi zo kugurisha gaze zegerejwe abaturage hirya no hino mu Gihugu cyane cyane mu Mijyi. Ku masitasiyo y'ibikomoka kuri peteroli hafi ya yose haboneka gaze. Abacuruzi ba gaze nabo bariyongereye ku buryo bugaragara;

- Amacupa mato ya gaze uhereye ku ya kg 1 kuzamura yashyizwe ku isoko ku buryo n'ufite ubushobozi bukeya ashobora kwigurira gaze. Ikoreshwa rya gaze (LPG) yo gutekesha ryariyongereye riva kuri toni 724.6 mu 2010 rigera kuri toni 2,808.43 mu 2015/16;

- Hari gahunda yo gukomeza gukangurira abaturage gukoresha gazi kuko byagaragaye ko ihendutse kurusha ibindi bicanwa. Ikigereranyo cyakozwe n'inzego zitandukanye zirebwa n'ikibazo cy'ibicanwa, cyerekanye ko:

  - Ikigo cy'ishuri gicumbikiye abanyeshuri 1500 gikoresha inkwi zingana n'amasiteri 533 ahwanye n'amafaranga 6,396,000Frw mu gihe cy'ukwezi. Mugihe bakoresheje gaze hakenerwa gaze ingana na 1200kg bihwanye n'amafaranga 1,320,000 Frw mu gihe cy'ukwezi.

  - Ku rugo rufite abantu batanu baramutse bakoresha imifuka y'amakara ine (4) mu kwezi byabatwara amafaranga 36,000Frw. Mugihe bakoresheje Gaze ya 20Kg byabatwara amafaranga angana na 22,000Frw mu gihe cy' ukwezi.

48. Duhereye kuri izi ngero ebyiri, bigaragara ko gaze ihendutse, bityo tukaba dushishikariza Amahoteri n'Amaresitora, Ibigo by'Amashuri n'Abaturarwanda bose muri rusange uhereye mu Mijyi no ku Bayobozi, gukoresha gaze kuko gaze irengera ibidukikije.

49. Ubu mu Rwanda hari uruganda ruherereye mu Karere ka Rubavu rukora ibindi bicanwa (pellets = condensed woody biomass) bisimbura inkwi n' amakara. Peleti ni ibicanwa bikorwa mu biti biba byakamuwemo amazi bikaba bigabanya cyane ibiti bikoreshwa mu guteka.

50. Ibikoresho byose bijyanye no gukora izi peleti byakuriweho umusoro ku nyongeragaciro (VAT). Turashishikariza abashoramari gushora imari yabo mu kubaka izindi nganda mu tundi Turere kandi turanashishikariza abantu bose kwitabira gukoresha amashyiga arondereza ibicanwa.

INGUFU Z'IBIKOMOKA KURI PETEROLI

51. Ikoreshwa rya peteroli (kerosene) mu gucana mu ngo naryo riragenda rigabanuka; ryavuye kuri toni 12.745,8 mu 2010 rigera kuri toni 8.095,18 mu 2015/16. Iri gabanuka ryatewe n'amatara ya peteroli n' udutadowa bitagikoreshwa cyane.

52. Ikoreshwa rya lisansi na mazutu bikoreshwa muri moteri z'ibinyabiziga, amato n'imashini zikora imirimo itandukanye ryariyongereye. Byavuye kuri litiro 186,432,693 mu 2010 bigera kuri litiro 288,311,381 mu 2015/16.

53. Uku kwiyongera kwaturutse ku iterambere rikomeje kugenda ryiyongera mu Rwanda. Urugero: imodoka zariyongereye, imashini zifasha mu kuhira imyaka no kugeza amazi mu bibumbiro, imashini zikora imihanda n' imashini zitanga amashanyarazi aturuka kuri diesel.

KU BIJYANYE N'IBIKORWAREMEZO BY'UBUBIKO BW'IBIKOMOKA KURI PETEROLI:

54. U Rwanda nk'ibindi Bihugu byose rugomba kugira ububiko bw'ibikomoka kuri peteroli.

55. Intego dufite nk'Igihugu ni uko twagira nibura ububiko bwatugoboka mu gihe kingana n'amezi atatu bihwanye nibura na litiro miliyoni 150 zizakenerwa buri gihembwe mu myaka mike iri imbere.

56. Kugira ngo tugere kuri iyi ntego hari byinshi bimaze gukorwa:

- Guverinoma yashishikarije Abikorera gushora imari yabo mu kubaka ububiko bw'ibikomoka kuri peteroli kandi ishyiraho uburyo bwo kubagezaho ibikorwaremezo birimo imihanda, amashanyarazi n'amazi;

- Ni muri urwo rwego SP yubatse ibigega mu Murenge wa Rusororo mu Karere ka Gasabo bifite ubushobozi bwo kwakira litiro miliyoni 22. Guverinoma yagiranye kandi amasezerano n'uyu Mushoramari yo kongera ububiko bukava kuri litiro miliyoni 22 bukagera kuri litiro miliyoni 60. Imirimo yo kubaka izatangira muri Mutarama 2018;

- OILCOM nayo yubatse ubundi bubiko mu Murenge wa Jabana mu Karere ka Gasabo bifite ubushobozi bwo kwakira litiro miliyoni 21.6.

57. Ibi byatumye tuva ku bubiko bwa litiro miliyoni 30.6 twari dufite mu 2010 tugera kuri litiro miliyoni 74.2 dufite kugeza ubu burimo ubwa Gatsata (litiro miliyoni 14.8), Kabuye (litiro miliyoni 5.7), Rwabuye (litiro miliyoni 3.6), Bigogwe (litiro miliyoni 5), Kigali Airport (litiro miliyoni 1.5), Rusororo (litiro miliyoni 22) na Jabana (litiro miliyoni 21.6). Rusororo na Jabana ni iby'Abikorera ubusigaye ni ubwa Leta. Ubu ububiko bwose burakora neza uretse ubwa Rwabuye turi kuvugurura bikazarangirana n'uyu mwaka w'ingengo y'imari (2017/18).

Uyu munsi ubu bubiko bufite ubushobozi bwo kwakira:

- Lisansi (Essence) ingana na litiro miliyoni 31.6;

- Mazutu (Diesel) ingana na litiro miliyoni 35.1;

- Peteroli (Kerosene) ingana na litiro miliyoni 1.5;

- Benzine (Jet A-1) ingana na litiro miliyoni 3.5;

- Mazutu iremereye (Heavy Fuel Oil) ingana na litiro miliyoni 2.5.

Mazutu iremereye (Heavy Fuel Oil) ikoreshwa mu nganda nini no mu mamashini atanga amashanyarazi.

<u>Imbogamizi Urwego rw'Ingufu ruhura nazo n'ingamba zakoreshejwe mu kuzikemura</u>

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

58. N'ubwo twishimira ko Urwego rw'Ingufu rukora neza muri rusange, haracyari imbogamizi zimwe na zimwe zikibangamiye imikorere myiza y'uru Rwego. Mu gukemura izi mbogamizi Guverinoma yagiye ishyiraho ingamba zitandukanye.

a. Imbogamizi ya mbere ijyanye nuko ibikorwa byo kongera ingufu no kuzikwirakwiza bisaba amafaranga menshi atabonekera rimwe. Kugira ngo tugere ku ntego twari twarihaye yo kongera ingufu z'amashanyarazi zikagera kuri MW 563 no kuyakwirakwiza mu ngo 70% bisaba miliyari 3,2 z'amadorali (Generation,Transmission and Distribution) . Ingero:

- Kubona MW 1 bitwara hafi Miliyoni enye (4) z'amadorari.
- Kugeza amashanyarazi ku rugo rumwe bitwara amadorari igihumbi (USD 1000 angana na Frw 840,000). Muri aya, uruhare rw'umufatabuguzi rungana n'amafaranga ibihumbi mirongo itanu na bitandatu (56,000 Frw) gusa.
- Mu myaka irindwi ishize uru rwego rumaze gukoresha ingengo y'imari ingana n'amafaranga y' u Rwanda 881,075,839,575.

Mu gukemura iki kibazo cy'ishoramari rihenze, Guverinoma yashyizeho ingamba zikurikira:

i. Gufatanya n'Abikorera gushora imari yabo muri uru Rwego. Nk'uko nabivuze hari Abashoramari benshi bashoye imari mu kongera ingufu z'amashanyarazi no kuyakwirakwiza hakoreshejwe uburyo butandukanye harimo imirasire y'izuba n'ingomero ntoya. Aha twanashyize mu bikorwa inama twahawe namwe, Ba Nyakubahwa Basenateri, Ba Nyakubahwa Badepite, zo kwegurira Abikorera b'Abanyarwanda ingomero nto kandi biragenda bitanga umusaruro ushimishije. Guverinoma yongeye kubashimira inama mwatugiriye.

ii. Mu rwego rwo kunoza ubwo bufatanye, hashyizweho itegeko rigenga ubufatanye bw'Inzego za Leta n'Abikorera. Iri tegeko rizatuma ishoramari mu ngufu rigenda ryiyongera.

iii. Inguzanyo zigamije kubaka ibikorwaremezo bijyanye no kongera ingufu no kuzikwirakwiza zishyurwa mu gihe kirekire.

iv. Gufatanya n'Ibihugu byo mu karere gushora imari mu bikorwaremezo byo kongera ingufu z'amashanyarazi no kubaka imiyoboro yo kuyahererekanya.

b. Imbogamizi ya kabiri ijyanye no gutanga ingurane ikwiye ku gihe ku bikorwa biba biri ahagiye kubakwa ibikorwaremezo bijyanye no kongera no gukwirakwiza amashanyarazi kubera imbogamizi zitandukanye zigaragara mu kwishyura zirimo Abaturage badafite amakonti cyangwa ibyangombwa by'ubutaka, imyirondoro idahuye. Mu gukemura iki kibazo, Guverinomva yashyizeho ingamba zikurikira:

- Gukorana n'Inzego z'Ibanze mu mishinga y'amashanyarazi kuva itangiye kugera irangiye by'umwihariko mu kuzuza ibyangombwa bisabwa kugira ngo Abaturage bishyurirwe ku gihe;

- Gushishikariza Abaturage gufunguza konti mu Mirenge SACCO kugira ngo byoroshye kubishyura;

- Kugira ngo Abaturage bashobore kwibona mu mishinga iri gukorwa, Guverinoma yafashe umwanzuro ko Abaturage baturiye ahari inganda zitanga amashanyarazi batuye neza bahabwa amashanyarazi.

c. Imbogamizi ya gatatu ni umubare munini w'Abaturage batuye mu buryo butatanye ku buryo bitoroshya ibikorwa byo kubagezaho amashanyarazi ndetse n'ibindi bikorwaremezo muri rusange. Ubu gutura mu Midugudu biri ku gipimo cya 55.8% bigaragara ko bikiri hasi. Mu rwego rwo gukemura iki kibazo, Guverinoma ikomeje gushyira imbaraga mu gushishikariza Abanyarwanda gutura mu Midugudu. By'umwihariko, kuva mu mwaka ushize hatangijwe uburyo kwo kubaka Imidugudu y'ikitegererezo mu Turere twose. Ibi bizatuma na gahunda ya Guverinoma yo gushishikariza Abaturage gukoresha ibisimbura ibicanwa bikomoka ku bimera irushaho gushyirwa mu bikorwa neza.

d. Imbogamizi ya kane ni imiyoboro y'amashanyarazi ishaje itanafite ubushobozi buhagije bwo gutwara amashanyarazi akenewe mu bice bimwe na bimwe, kandi idashobora kwakira amashyanyarazi tugenda twongera. Urugero ni nk'umuyoboro wa Ntaruka – Jabana na Musha – Rwinkwavu yubatswe muri 1959, n'uwa Rusizi – Karongi - Kilinda – Kigoma – Gikondo wubatswe mu 1972.

Mu rwego rwo gukemura iki kibazo, Guverinoma yafashe umwanzuro wo kuvugurura, kwagura no kongerera ubushobozi umuyoboro mugari n'iyishamikiyeho. Ibi bigenda bitanga umusaruro mwiza wo gutanga amashanyarazi mu buryo burambye no kugabanya ikigero cy'amashanyarazi agenda atakara angana na 21.6% y'umuriro wose kugeza ubu bivuye kuri 23% mu 2012.

e. Imbogamizi ya gatanu ni imishinga yagiye ishyirwa mu bikorwa idakorewe inyigo cyangwa zidakozwe neza. Urugero no nk'umushinga wo gushakisha amashyuza wa Kalisimbi n'umushinga wo kubyaza amashanyarazi nyiramugengeri wa Gishoma. Ibi byatumye iyo mishinga idindira, uwa Gishoma urangira utinze, naho uwa Kalisimbi wo Guverinoma yarawuhagaritse imaze kuwutangaho miliyoni 37 z'amadorali y'Amerika. Hari ingamba zafashwe:

a) Guverinoma yafashe icyemezo cy'uko imishinga yose igomba gukorerwa inyigo zimbitse kandi zikemezwa na Komite ishinzwe imishinga (Public Investment Committee) mbere yo gushyirwa mu bikorwa;

b) Guverinoma yashyizeho Politiki y'Ishoramari ku nyungu rusange (Public Investment Policy) ifasha mu kunoza ishyirwamubikorwa ry'imishinga;

c) Ku bufatanye n'Ikigo cy'Amashanyarazi cya Isiraheli (Israel Electric Corporation), ubu hari gukorwa igishushanyo mbonera cy'Urwego rw'Ingufu z'Amashanyarazi (Power Master Plan 2017-2030), kizagaragaza ingufu zizaba zikenewe mu minsi iri imbere n'aho zizaturuka ndetse n'imiyoboro y'amashanyarazi izatwara izo ngufu.

- Imbogamizi ya gatandatu ni uko hari umuriro udakoreshwa. Uwo muriro ni amahirwe dufite (energy opportunity). Uko Urwego rw'Ingufu rugenda ruzamura ingano y'amashanyarazi bisaba ko n'ishoramari mu nganda zikoresha amashanyarazi ryiyongera ku kigero kimwe muri Gahunda ya "Made in Rwanda". Ubu siko bimeze.

- Imbogamizi ya karindwi ni ukuba tutaragera ku bushobozi bwo kubika ibikomoka kuri peteroli byakwifashishwa mu gihe cy'amezi nibura atatu (3) mu gihe byaba ngombwa. Ubu Guverinoma ku bufatanye n'Abikorera igenda yongera ububiko nk'uko nigeze kubivuga.

- Imbogamizi ya munani ni ibikorwa by'ubujura no kwangiza ibikorwaremezo byifashishwa mu gutwara amashanyarazi bikigaragara hamwe na hamwe. Mu ngamba zafashwe harimo gushishikariza Abaturage, ku bufatanye n'Inzego z'Ibanze n'iz'Umutekano, kugira uruhare mu kubungabunga ibi bikorwaremezo bibafitiye akamaro ndetse n'Igihugu muri rusange. Mu kuvugurura Amategeko, ibyaha bijyanye n'ubujura no kwangiza ibikorwaremezo by'amashanyarazi bizongererwa ibihano.

- Imbogamizi ya cyenda ni ubushobozi buke bw'Abakozi. Kugira ngo Urwego rw'Ingufu rutere imbere hakenerwa Abakozi bafite ubushobozi buhagije mu kwiga imishinga, kuyishyira mu bikorwa no kuyikurikirana. Mu rwego rwo kongerera Abakozi ubushobozi n'abaza ku isoko ry'umurimo mu Rwego rw'Ingufu, hari byinshi Guverinoma igenda ikora. Bimwe muri byo ni ibi bikurikira:

a) Mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro hashyizwemo amasomo ajyanye n'Urwego rw'Ingufu hanozwa n'imikoranire hagati y'Amashuri (IPRCs) n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ingufu (REG). Urugero ni nka bamwe mu banyeshuri 48 bavuye muri IPRCs na Kaminuza y'u Rwanda bakurikiranye amasomo ajyanye n'ikoranabuhanga rikoreshwa mu ruganda rwa nyiramugengeri n'isozwa ry'imirimo yo kubaka uruganda rwa nyiramugengeri rwa Gishoma ubu bakaba barahawe akazi muri uru ruganda;

b) Ubu Guverinoma ibinyujije mu Kigo gishinzwe Iterambere ry'Ubushobozi n'Umurimo (CESB) yatangije gahunda yo kumenyereza umurimo abarangije mu Mashuri Makuru na Kaminuza (Professional Internship Program). Ku banyeshuri bakiga, hari gahunda yo kuzabafasha kwimenyereza umurimo mu gihe cy'ibiruhuko.

c) Hashyizweho Ikigo cy'Icyitegererezo mu by'Ingufu (Centre of Excellence for Sustainable Energy Development) muri Kaminuza y'u Rwanda/College of Science and Technology icyahoze ari KIST;

d) Mu masezerano yo gushyira mu bikorwa imishinga y'ingufu itandukanye Guverinoma isinyana na ba Rwiyemezamirimo, harimo ingingo ibasaba gusangiza ubumenyi (skills transfer) Abanyarwanda;

e) Mu masezerano y'ubufatanye Guverinoma igenda igirana n'ibindi Bihugu, Imiryango Mpuzamahanga ndetse n'Ibigo bifite ubunararibonye mu by'ingufu, habamo ingingo ziteganya uko hazubakwa ubushobozi bw'Abakozi bo mu Rwego rw'Ingufu mu Rwanda.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Inteko Ishinga Amategeko, Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi-Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

59. Mu gusoza, mu izina ry'abo twazanye, ndagira ngo nongere mbashimire umwanya mwangeneye. By'umwihariko, Guverinoma yongeye kubashimira uruhare rwanyu mu gushyigikira Gahunda ya Guverinoma mu Rwego rw'Ingufu mwakomeje gukurikirana muri iyi myaka irindwi ishize.

60. Ibimaze kugerwaho muri uru Rwego ni byinshi kandi ibi byose tubikesha imiyoborere myiza no kureba kure bya Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, ubereye Abanyarwanda.

61. Muri Manda Ye ya kabiri y'imyaka irindwi ishize, Urwego rw'Ingufu rwateye imbere ku buryo bugaragara. By'umwihariko, amashanyarazi yikubye inshuro zirenga ebyiri kandi umubare w'ingo zikoresha ingufu z'amashanyarazi wikubye inshuro zirenga eshatu.

62. Ndizera ko ibitekerezo mwatanze muri iyi myaka irindwi ishize byitaweho mu gushyira mu bikorwa Gahunda ya Guverinoma. Sinshidikanya kandi ko Urwego rw'Ingufu (Energy Sector) ruzakomeza kwitabwaho by'umwihariko muri Gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi muri Manda ya gatatu ya Nyakubahwa Paul Kagame, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda.

Murakoze,

Mugire amahoro y'Imana.